
# INTEGUZA YA KRISTO
# VOL. 7



# "UBUTUMWA BWIZA BW'ITEKA RYOSE"

CS CamScanner

# IBIRIMO:

Ibirimo: ..... 1
IJAMBO RY'IBANZE ..... 2
Icyaha ni iki ? ..... 2
Udatsinzwe ntatsindishirizwa ..... 3
KUREMWA NO GUCUNGURWA K'UMUNTU ..... 4
UKO UMUNYABYAHA YAKIRA AGAKIZA KE MURI KRISTO YESU ..... 8
Amahirwe azanwa no Gutsindishirizwa n'ubuntu kubwo kwizera ..... 11
UMUBATIZO ..... 12
Gutsindishirizwa n'ubuntu kubwo kwizera byera imbuto eshatu: ..... 13
KWEZWA ..... 14
BENE DATA MBABWIRE, DUKENEYE KUGIRA KWIZERA: ..... 16
Gukiranuka N'urubanza ..... 20
ISEZERANO RYA KERA N'ISEZERANO RISHYA: ..... 21
INAMA KU BUKRISTO ..... 24
Ubukristo ni ukugendana n'Imana ..... 24
Ubukristo ni Isano nzima hagati yacu n'Imana ..... 24
Ubukristo ni ugusenga ..... 26
GUSHYIRWAHO IKIMENYETSO ..... 28
Inama ku mpagarara zo mu marembera y'iyi si igiye kurimbuka ..... 31



CamScanner

# UBUTUMWA BWIZA BW'ITEKA RYOSE

## IJAMBO RY'IBANZE

Nk'uko Bibiliya ibivuga mu **Itangiriro 1:1**, Imana ni yo ikwiye kubanza mu bintu byose. Kandi nanone mu bintu byose Imana yaremye, ikunda umuntu kurenza ibindi byose yaremye. Kubera iki? Kubera ko umuntu ari we wenyine waremwe ku ishusho y'Imana, kubera ko yamuremye n'intoki zayo; yaremwe abura ho hato ngo amere nk'Imana, niwe Imana yakunze cyane bituma itanga Umwana wayo ngo imukize.... Nk'uko Bibiliya z'umwimerere zibigaragaza, umuntu waremwe ni ubumwe rukomatanyo bw'imyokomuntu yose. Itangiriro 1:26. Bityo rero, igihe Adamu yagwaga agakora icyaha, twari muri we mu rukiryi rwe, uretse Eva ariko niwe wari wabanje kugwa. Abaroma 5:12. Hoseya 6:7. Icyaha Adamu yakoze ni ukutumvira amategeko y" Imana, naho kurya imbuto z'igiti cyabuzanijwe ni imbuto yeze kuri uko kutumvira.

### Icyaha ni iki?

Iyo wibeshye ku ndwara, wibeshya no ku muti kandi ibyo bigira ingaruka; kimwe nuko abahuje indwara bahuza n'umuti. Icyaha ni ubugome, kugomera Imana. Uburyo butandukanye bw'ubu bugome bugaragara mu buryo bugera ku munani: Icyaha nk'igikorwa, icyaha nk'icyifuzo kibi **(Matayo 5:21-30),** icyaha nk'inshingano yirengagijwe Yakobo 4:17, icyaha nk'igikorwa cyiza ariko impamvu ari mbi Luka 18:9-24, icyaha nka kavukire yacu (Zaburi 58:4, Abefeso 2:3, Abaroma 7:17, Zaburi 51:7), Icyaha nk'icyo ndi cyo (Abaroma 7:14, icyaha nko kutizera Yohana 16:8, Abaheburayo 11:6, icyaha nk'umutima ugucira urubanza Abaroma 3:19.

Bibiliya ivuga ko Imana ikoresha ibintu bitatu kugira ngo umunyabyaha yemere icyaha: Umwuka wera: Yohana 16:8, Amategeko: Abaroma 3:19-20, Ibyanditswe byera 1Timoteyo 3:16. Ntabwo umuntu yakira



CamScanner

ubunyacyaha nyuma yo kuvuka nk'uko bamwe bibeshya ngo uruhinja ni malayika, ubunyacyaha turabuvukana. **Zaburi 51:7.**

Kugira ngo Imana ikize umunyabyaha ibanza kumwereka uburyo ingorane y'icyaha iteye: umuntu agomba kumva ko atari mwiza na mba, atari umunyabyaha ku rugero runaka, wenda umunyabyaha 99,9%; ahubwo ko ari umunyabyaha 100% nta ruhengekerezo. Iyo tumaze kwisobanukirwa gutya nibwo ubutumwa bwiza buduhindukira inkuru nziza idasaba ikigombero. Ubutumwa bwiza bugomba kubanza gusenya icyizere cyose twifitemo tugashiririrwa, ibyo twishingikirizaho ngo twemerwe n'Imana byose bikarangira.

## Udatsinzwe ntatsindishirizwa

Gutsindishirizwa mu kigiriki ni dikaioma bisobanura kugirwa umwere kubw'umwanzuro w'ubutabera. Gutsindishirizwa mu iyobokamana ni igikorwa cy'Imana cyo kugira umunyabyaha watsinzwe umukiranutsi, ikamureba nk'intungane. Ikinyuranyo cyo gutsindishirizwa ni ugucirwaho iteka cyangwa guhanwa. Urufatiro rwo gutsindishirizwa si ukumvira kwacu ahubwo ni ukumvira kwa Krsito. Abaroma 5:18,19; Tito 3:5.

Abefeso 1:4 "nk'uko yadutoranije muri we isi itararemwa, kugira ngo tube abera tutariho umugayo imbere yayo". **Guma mu rukundo rw'Imana.**



CamScanner

# KUREMWA NO GUCUNGURWA K'UMUNTU

Kuva kera kose Imana yigiriye inama yo kurema ikiremwa muntu ku ishusho ya yo, ariko ibona ko uwo muntu azakora icyaha; mu butabera bwayo ibihembo by'icyaha ni urupfu rwa burundu Abaroma 6:23. Kuko Imana yacu idahindagurika yanga guhagarika uwo mushinga, maze mu nama yayo yiyemeza kuzaza ikihwanya nawe nyirizina igakora igikorwa gituma yishyura icyo amategeko asaba uwo umuntu uzakora icyaha agapfa akarimbuka by'iteka ariko nyuma akazabaho.

Nuko mu **Itangiriro 2:7** Imana irema umuntu mu mukungugu wo hasi (umubiri) maze muri uwo mukumgugu ihumekeramo Umwuka w'ubugingo maze ngo ahinduka ubugingo buzima. Imwita Adamu. Nyuma Adamu aza gucumura maze ahita agerwaho n'ingaruka z'icyo akoze icyo, yibona yambaye ubusa, agira ubwoba ahungira Imana hanze ya Edeni iyo mu gihuru ajya kwihisha. Atangira kwambara ibicocero by'ibibabi bicikagurika byamuyobeye (bigereranywa n'uko umunyabyaha yihangira gukiranuka mu bikorwa yita ko ari mu murimo w'Imana, ngo ni ukumvira Imana ariko ari mu mbaraga ze, kandi bidashoboka), Imana igira neza kuko yabyiyemeje imusangayo ije kumuhumuriza, ibaga intama (gupfa kwa Kristo ku musaraba), uruhu rwayo irarumwambika kuko rwo rudashwanyagurika ahubwo rubasha kumufubika wese akambara isoni z'ubwambure bwe ntizigaragare. Maze imumenyesha ko icyo gikorwa igikoze kubera icyaha cye kandi ko icyo ari isezerano ry'uko Umwana wayo nubundi azakora uko ashoboye agapfa kugira ngo uwo muntu we azabeho. Uwo yari Adamu wa mbere ariwe wacumuye.

Nuko muri Luka 1:35 nk'uko Adamu wa mbere yabonetse ubumana buhuye n'ubumuntu, nubundi ubumana bwagiye mu mubiri wa Mariya ugereranywa n'umukungugu maze haboneka umuntu ari we Adamu wa kabiri. Ubundi dusanzwe tuzi ko umuntu usanzwe aboneka ari uko

umugabo n'umugore bahuye, ariko iyo ari ukuboneka kw'inkomoko nshya y'abantu, byo byagiye bisaba guhura kw'ikibumbano cy'Imana (umubiri) n'Imana ubwayo ikiremera umuntu mushya ngo abe inkomoko y'abantu bashya bamukomotseho. 1 Abakorinto 1:30 ngo "Imana ni yo ibaha kuba muri Kristo Yesu..." Uwo Adamu wa kabiri wabonetse ni Yesu Kristo kuko muri we ari mwo Imana yiyungiye n'abantu bacumuye ngo ibone uko ibakiza. Aba ku isi imyaka nka 33, ayibaho ageragezwa na satani mu buryo bwose nka twe, ariko ntiyigeze akora icyaha kandi yari afite umubiri w'icyaha nka twe. Yabayeho imibereho ikiranuka imbere y'amategeko y'Imana. Abaheburayo 4:5.

Atangiye urugamba rushishana rwo kuducungura ageze mu gashyamba I Getsemani, yari aremerewe cyane n'ibyaha byacu bimubiza ibyuya byinshi cyane, maze muri ayo mashiraniro, satani amusanga aho yasengeraga, agerageza kumukoba no kumushengura amwumvisha ko agiye gupfira ubusa ngo kuko abo ashaka gupfira batabizi n'ikimenyimenyi nibo bashaka kumwiyicira. Biramushegesha cyane imitsi yo mu mutwe iraturika, bya byuya biza bivanze n'amaraso. Arasenga ati Data niba bishoboka iki gikombe kindenge. Maze nyuma gato Malayika Gaburiyeli aba yahageze, amwibutsa ko nubwo ababazwa atyo hari inteko nini cyane y'abantu benshi bazajya mu ijuru kubera igitambo cye, maze Yesu aranesha ati Data bye kuba uko nshaka, ahubwo bibe uko ushaka. Nuko abicanyi b'Abayuda baraza baramujyana baramubabaza cyane bya kinyamaswa, bamumanika ku musaraba nk'ikivume.

Muri **Luka 23:35-39,** dusanga ko satani yakurikiranye Yesu ku musaraba amugerageza gatatu kose: bwa mbere yanyuze mu batware, ubwa kabiri mu basirikare naho ubwa gatatu mu gisambo bari babambanywe. Bose bavuga ikintu kimwe ngo "Manuka ku musaraba wikize!" Yooo! Mbega umuntu! Ubwo se iyo amanuka muvandimwe? Imana ihimbarizwe ko atabikoze.



CamScanner

Hari kuwa gatandatu, bigeze saa sita atangiye gusambira ku musaraba ararарama ngo abone ubufasha kuri Se, asanga ijuru ryakinze. Yariho yengera mu muvure wenyine. Arataka ati Data, ni iki kikundekesheje! Abona ko ubwo Ise yamuretse ntacyo amusubiza agiye gupfa burundu, akarimbuka by'iteka, kuko agiye gupfa atandukanye na Se. Ariyemeza ati ntacyo, reka ndimbuke ariko benshi bazizera bo bazabone ubugingo buhoraho. Amena! Ahera ubwo saa sita asamba, isi icura ubwirakabiri, bigeze saa cyenda aravuga ati Data, mu maboko yawe niho nshyize ubugingo bwanjye. Muri ako kanya umutima uraca, Igitambo kitubeshejeho kiba kirabonetse. Haleluya!

- Mu kuvuka kwa Yesu tuhabona Urukundo ruhebuje rw'Imana ica bugufi birenze mu gikorwa cyayo yiyunga n'inyokomuntu yaguye igambiriye kuyikiza, 2 Abakorinto 5:19
- Mu kubaho kwa Yesu tuhigira ibintu bitatu:
  1. Tuhigira ko igihe cyose Imana ifite umwanya wa cyami mu mibereho yacu, ari yo ikorera muri twe, birashoboka kubaho imibereho inesha icyaha nk'uko Yesu yabayeho,
  2. Nanone tuhabona Yesu wabayeho imibereho idakora icyaha maze amategeko amuha uburenganzira bwo gupfira umuntu
  3. Tuhabonera Gukiranuka kuduhesha kwemerwa n'Imana.

- Mu rupfu rwe:
  1. Tubona ubutabera bw'Imana yishyura icyo amategeko ateganyiriza inyokomuntu yacumuye.
  2. Tubona gukomera no guhoraho kw'amategeko yayo ngo aho kugira ngo aveho n'akadomo, ahubwo uwayacumuyeho ni we wavaho.

Ni muri ubwo buryo Yesu nk'Imana yambaye umuntu wacumuye w'ikivume kugeza atumye abambwa arapfa arahambwa birarangira



CamScanner

nuko umuntu wa kera ukomoka kuri Adamu wa mbere aba ahanwe igihano yari akwiriye ari cyo rupfu rwa burundu arahera, ibye byarangiriye mu mva. Ariko kuko Yesu yabaye ku isi akiranuka, urupfu ntirwagombaga kumugumana. Karekare mu rukerera hari ku cyumweru kuwa mbere w'iminsi irindwi nibwo Kristo yazutse atagifite wa muntu wa kera ari wo mubiri w'icyaha, ahubwo azuka ari Uwera Yesu Kristo Gukiranuka kwacu. Yesu wazutse yari atagifite ya kamere itari iye y'icyaha, ni we nkomoko nshya y'abakristo bamwizera. Yohana 8:51.

Mu kuzuka kwe tuhigira ko Yesu ari we ufite ububasha ku rupfu, ibyo bikatwizeza ko n'abapfuye bamwizera bazazuka bakongera kubaho ubuzima buhoraho nk'uko yabivuze. Yohana 11:25. Yesu yari ubumana bwiyambuye ubwiza n'icyubahiro byabwo, bwari bwambaye ubumuntu bwacumuye ari bwo twe twacumuye yari afite muri we nk'umubiri w'icyaha yabayeho ahanganye nawo. Ubwo yapfaga yaradupfanye aranatuzukana anesheje urupfu. Twapfiriye muri we, nyuma y'iminsi itatu tuzukira muri we. Mu muzuko wa Kristo tuhabona inyokomuntu nshya ikomoka muri Kristo wazutse. Ngiryo iitorero ry'Imana.



CamScanner

# UKO UMUNYABYAHA YAKIRA AGAKIZA KE MURI KRISTO YESU

Dushingiye kuri Yohana 16:8, uburyo umunyabyaha yakira agakiza ke muri Kristo nuko Mwuka wera abanza kumwigisha amateka ye muri Kristo Yesu, akamenya inkomoko ye ya kera muri Adamu wa mbere abantu bose bacumuye dukomokaho, akamwumvisha neza uburyo ari mubi. Nanone akamenya igikorwa gitangaje cy'Imana ko muri Kristo yaciriyeho iteka ubumuntu bwacu bwacumuye ikabubamba ikabuhamba bukarangira. Umuntu umaze kumva neza uburyo ari umunyabyaha, akumva n'agaciro gaheranije k'icyo Imana yakoze imurokorera muri Kristo, amenetse umutima yicishije bugufi amanika amaboko akikubita imbere y'Imana ayishimira ko yamubabariye ibyaha byose muri Kristo; AKIZERA izo mbabazi yagiriwe atarabimenya, icyo nicyo cyitwa GUTSINDISHIRIZWA N'UBUNTU KUBWO KWIZERA. Abaroma 3:24.

Kumenya neza ko Imana yakubabariye kandi ko ubunyacyaha bwawe bwaciriweho iteka muri Kristo, bigomba guhindura imyumvire wari ufite mu myemerere yawe, bikaguha ingengabitekerezo nshya y'iby'umwuka ko ubuzima bwawe bwa kera bw'icyaha, Kristo yabusize mu mva; ko ibiramambu ukimara guhindura imyumvire uba wakiriye indi nkomoko, andi mavuko, muri Kristo nka Adamu wa kabiri, uba ubyawe n'Imana. 1 Abakorinto 1:30 ngo Imana ni yo ibaha kuba muri Kristo Yesu... Yohana 1:12-13: "Icyakora abamwemeye bose bakizera izina rye, yabahaye ubushobozi bwo kuba abana b'Imana. Abo ntibabyawe n'amaraso cyangwa ubushake bw'umugabo, ahubwo babyawe n'Imana." Mu Abaroma 6:8, Pawulo ati "Niba twarapfanye na Kristo, twizere yuko tuzabanaho nawe. Mu buzima busanzwe dutangirana no kubaho hagasoza urupfu. Nyamara mu buzima bw'iby'umwuka ho dutangirira mu gupfa tugaherutsa ubugingo.



CamScanner

Iyo twakiriye imbabazi twagiriwe muri Kristo kandi, bivamo imbaraga yo kwatura ibyaha. Ni ugusanga abaduhemukiye tukikiranura nabo, Matayo 18:15. Nanone ugasanga abo nawe wahemukiye ukabaturira ibyaha wabakoreye 1 Yohana 1:9, ugasubiza ibyo wariganije nka Zakayo, Ezekiel 33:15, Luka 19:8. Muri iki gikorwa dukeneye kugendera kuri gahunda y'Ibyanditswe byera: icyaha ubanza kukibwira Imana, ubundi ukakibwira uwo mwagikoranye cyangwa uwo wagikoreye gusa ukizi cyangwa abakizi. Nìba ari Imana yonyine niyo ubwira, niba ari umuntu cyangwa abantu benshi, kandi si ugukoza bagenzi bawe isoni cyangwa gusenya imiryango. Byose bikorwe neza muri gahunda. 1 Abakorinto 14:40. Ibi, bikorwa tuyoborwa n'urukundo rw'Imana.

Muri Matayo 28:18-20, yavuze ko Yesu yahaye abizera inshingano yo kujya kwigisha abantu bo mu mahanga yose bagahinduka abitondera ibyo Yesu yavuze byose. Mariko 16: 15 na we avuga ko Yesu yatubwiye kujya kwigisha abaremwe bose ubutumwa bwiza. Noneho Luka 24:45-47 aza asobanura neza ubwo butumwa bwiza ngo "Maze abungura ubwenge ngo basobanukirwe n'Ibyanditswe...ko Kwihana no kubabarirwa ibyaha bikwiriye kubwirwa amahanga yose mu izina rya Yesu." Kandi ngo bagume mu cyumba cyo hujuru kugeza ubwo bazambikwa imbaraga. Ubutumwa nyamukuru ababa mu cyumba cyo hejuru basohokana ni UKWIHANA NO KUBABARIRWA IBYAHA. Ibyakozwe n'intumwa 2:38, 5:31,13:38, Abefeso 1:7, Abakolosayi 1:14. Ikibazo gikunda kugaragara mu madini menshi, nuko usanga mu bayobozi ndetse no mu bizera binjira mu madini kubera impamvu zitandukanye z'iby'umubiri: isano ufitanye n'abaririmo, ushaka uwo murwubakana, kwishakira akazi cyangwa imibereho ku bayobozi, hari urusengero rwiza cyangwa baririmba neza n'izindi nyinshi zizana abantu mu madini, ariko mu kuri umugabane munini w'abari mu matorero batarigeze bihana na gato. Ibyaha bakoraga kera n'ubu niko bakibikora,

imico yabarangaga, uko baryaga, uko bambaraga, inshuti bagiraga... byose nta cyahindutse! Ubwo ni ikigaragaza ko na bo batahindutse!

Iyo twakiriye Kristo nk'Umwami n'Umukiza wacu, ntabwo Imana itubabarira gusa, ntabwo twiyunga na yo binyuze mu kwizera gusa, ahubwo Imana itubona nk'abatigeze bacumura. Imana itubona nk'uko ibona Umwana wayo Yesu Kristo. Matayo 3:17, itangariza isi yose iti "nguyu umwana wanjye nkunda nkamwishimira." Iyo umunyabyaha yakiriye agakiza, ahinduka uwera bidatewe n'ibyo akora, ahubwo ni uwera muri Kristo Yesu. ntabwo aba ari umukiranutsi kubwa kamere cyangwa muri kamere ahubwo aba ari umukiranutsi kubwo kwizera muri Kristo Yesu honyine.

Kera muri Adamu wa mbere twari twararemwe ku ishusho y'Imana duhuza na yo mu myumvire kandi dusabana nayo mu migirire inezeza Imana nk'Abamalayika. Abaheburayo 2:7. Nyuma ducumuye, tuba twishyize hasi cyane y'uducumuje satani kuko adutsinze, maze adushyira ku rugero rwo hasi y'abadayimoni be. Ariko igikorwa cy'Imana cyo kuducungurira i Kaluvari cyadukuyeyo kiratuzamura cyaneeee, ndani mu Mana yacu. Duhishanywa na Kristo mu Mana. Amena! Abakolosayi 3:1-3 ngo "Nuko rero niba mwarazuranywe na Kristo, mujye mushaka ibiri hejuru aho Kristo ari, yicaye iburyo bw'Imana. Mujye muhoza umutima ku biri hejuru, atari ku biri mu isi. Kuko mwapfuye kandi ubugingo bwanyu bukaba bwarahishanywe na Kristo mu Mana." Aderese yacu aho tubarizwa, ni mu Mana yacu honyine. Oh! Mbega ngo biraba byiza bihebuje! Mwibuke mu gihe cy'umuntu w'Imana Daniel, abanyababuloni bamugiriye ishyari bashaka icyo bamutegeraho mu myitwarire ye ngo bamurege, ahantu hose bamushakamo ifuti bararibura ngo kereka ku Mana ye gusa, niho yibera. Umva uwabyawe n'Imana! 1 Yohana 5:18. Ngo keretse mu Mana ye gusa! Aha ndahakwifurije mwene Data. Yohana 15:4 ngo "Mugume muri njye nanjye ngume muri mwe...."



CamScanner

## Amahirwe azanwa no Gutsindishirizwa n'ubuntu kubwo kwizera

- Zaburi 8:6, Abaheburayo 2:7, Abakolosayi 3:1-3.

| Mu irema | Kubw'icyaha | Kubw'umusaraba |
|---|---|---|
| Imana | Imana | Imana |
| Umuntu | Abamalayika | Umuntu mu Mana |
| Abamalayika | Abadayimoni | Abamalayika |
| Abadayimoni | umuntu | Abadayimoni |

- Amahirwe twaburiye muri Adamu twayaboneye muri Kristo.
- 1 Yohana 1:14, Abaroma 8:29, Yesu yari umwana w'Imana w'ikinege, none ubu ni imfura muri bene se benshi bamwizera.
- Matayo 28:18, Abaroma 8:16,17, turi abaraganwa na Kristo imigisha yose yo mu ijuru.
- 1 Abakorinto 6:2,3, Abana b'Imana nitwe tuzacira ab'isi n'abamalayika urubanza



CamScanner

# UMUBATIZO

Umuntu umaze kwigishwa n'Umwuka wera muri ubu buryo maze akizera agakiza ke muri Kristo, niwe usaba gutangira ubuhamya mu mubatizo, kuko n'ubundi umubatizo uhamya ukwemera aba yamaze kwakira muri Kristo. Umubatizo uhamya gupfa (kwibizwa mu mazi) no kuzuka kwacu muri Kristo (gukurwa mu mazi). Abagalatiya 2:20 ngo "nababambanywe na Kristo…." Ngicyo icyo umubatizo uvuze rero ko ubatizwa aba ahamya ko we wa kera yabambanywe na Kristo ahambanwa nawe, ibye byarangiriye mu mva maze hazuka uwo muntu ari mushya muri Kristo Yesu, bityo aba agize inkomoko nshya, ni mushya muri Kristo. 2 Abakorinto 5:17. Uwo rero niwe uba wemerewe kubatizwa kuko aba afite icyo ahamya yizeye.

Ngaho nimutekereze uburyo abantu benshi babatijwe babatizwa kandi bazabatizwa bahambwe ari bazima. Ese ubundi ubwo twavuga ko abo baba babatijwe koko? Ikibazo gikomeye kimaze igihe gihari rero, satani yashyize mu madini hafi ya yose indi mibatizo itari ukwibizwa mu mazi nk'uko Yesu abantu bavuga ko bizera yabikoze: Ibyakozwe n'intumwa 8:38, Matayo 3:16. N'abemera umubatizo wo kwibizwa nk'uko Ibyanditswe bibivuga nabo, babatiza abatigishijwe ubutumwa bwiza muri Kristo, bashishikajwe no kongera imibare y'abayoboke b'itorero, maze abo babatijwe bagasa n'akazuyaze bagahera hagati: kubwo guhindura aderese y'aho bateraniraga bakibwira ko bahindutse abakristo ariko batarumvise ubutumwa bwiza ngo bakizwe; bakaba bakiri mu mibereho ya kera yo gukora ibyaha nk'ibyo bahozemo batarahindura idini ! Ako kazuyaze rero gashengura umutima w'Imana kakanayitera iseseme. Mbega amatorero ariho muri iki gihe! Hatabayeho kongera kwiga, abantu bakihana bagahinduka bakakira amateka yabo mashya muri Kristo imbabazi zitarabarangirana, kababayeho pe!



CamScanner

Gutsindishirizwa n'ubuntu kubwo kwizera byera imbuto eshatu:

1. *Kugirana amahoro n'Imana*, ukabaho ufite icyizere n'ubwishingizi bw'agakiza kawe muri Kristo nubwo abandi batakwemera, nubwo waba ufite intege nke mu by'umwuka, uko isi yakugenza kose. Iyo dufite amahoro ku Mana, tubasha kwihanganira ibirushya byose byo muri ubu buzima. Tuba dufite amahoro arenze uko umuntu abasha kuyasobanura.
2. *Gushikama mu buntu bw'Imana* ari zo mbaraga z'Imana zidutera gukora ibishimwa na yo, tugakora imirimo myiza. Gutwarwa n'ubuntu bisobanuye ko twemerera Kristo gutura muri twe binyuze mu Mwuka wera kugira ngo ayobore buri kiduhata cyose, buri cyifuzo na buri rugingo rwose rw'umubiri wacu.
3. *Kugera ku bwiza bw'Imana ari rwo rukundo rwayo* rukorera muri twe tugomba kugaragariza abandi. Burya shekina tubwirwa yabaga hejuru y'Isanduku y'isezerano Ahera cyane ho mu Buturo bwera, ni urukundo rw'Imana igirira abantu.

Urukundo rw'Imana ntirugira ikigombero, ikunda abatari abo gukundwa. Mu Abaheburayo 3 tubona uburyo Imana yakuye ubwoko bwayo mu Egiputa, ikabayobora ikabambutsa ubutayu batayumvira, bayigomera, bayirwanya, ariko ikomeza kubagirira neza bitangaje. Natwe nitumara kwakira iyo mbuto y'urukundo rw'Imana, shekina imaze kubona icyicaro mu mitima yacu, tuzakunda kandi tugirire neza nta kuvangura. Ntituzongera gucira abandi imanza, ahubwo tuzabagirira impuhwe tubasabire kuko tuzaba tuzi neza ko uko bari kose Imana ibakunda kandi ibashaka.



CamScanner

# KWEZWA

Iyo tumaze kwakira agakiza kacu **muri Kristo** tuba dusabwa kuguma muri we; **kwezwa.** Mbere Imana mu buryo bwa Mwuka wera iba yavuganaga nawe idafite umwanya imbere muri twe, ariko ubu bwo tumaze kwakira Yesu nk'Umwami n'Umukiza w'ubugingo bwacu. **Kristo muri njye** atangira gukorera muri twe umurimo wo kutwezaho ingeso mbi za kamere y'icyaha. Kubwo kugendana n'Imana, imbaraga y'amaraso yaducunguye ikomeza kunesha ibyaha muri twe. Abaheburayo 9:14. Indirimbo ya 239 mu ndirimbo zo guhimbaza Imana ngo "***Mukiza wanjye nshaka kuba uwawe***." Ni muri ubwo buryo urupfu rwa Kristo rukomeza rwose kuburizamo ingeso z'Ibyaha twagiraga kera, tukagenda tuzisubiza ngo: njyewe wa kera wakumviraga sinkiriho. 2 Abakorinto 4:10,12. Ubu bukristo si ukuvugurura cyangwa gutunganya imibereho ya kera, ahubwo ni ukwakira imibereho mishya twaboneye muri Kristo Yesu. Ibi si ibyo twirata mu magambo, ahubwo ni imibereho iyobowe na Mwuka wera utubamo, imirimo ikabihamya. 1 Petero 2:12. Abagalatiya 5:16, Tito 3:5. Iyi mibereho ntipfa kwizana, ahubwo ibonwa n'ababifitiye inzara n'inyota. 1 Yohana 2:16: muri uku kwezwa, dusaba Mwuka wera ngo adutsindire ibintu bikuru bitatu birwanya kwezwa kwacu: irari ry'umubiri (ibyifuzo bya kamere y'icyaha iturimo), irari ry'amaso (ibyifuzo bituruka ku byiyumviro 5 bituruka ku isano yacu n'ahadukikije), kwibona ku by'ubu bugingo (inarinjye yacu dusabwa kwikoreza Mwuka wera). Aha rero ni ugusenga cyane dusaba ngo muri uru rugamba Mwuka wera atume imibiri yacu iba ibitambo bikongokera ku gicaniro. 1 Abakorinto 9:27: Paulo ati "mbabaza umubiri wanjye nywukoza uburetwa…ngo ntaboneka ko ntemewe"

Aha rero tumenye ko iki gihe cyo kwezwa kitarangira tugihumeka, kuko uko turushaho kubana n'Imana turushaho kugenda twibonaho ukudatungana maze tukezwa; kandi niko tugenda duhishurirwa

ibiyoberana by'agakiza mu Byanditswe byera, maze ubwiza bw'Imana bukarushako kugaragarira muri twe. Iyi mibereho niyo yitwa **gukurira mu buntu bw'Imana.**

Mbega amahirwe yo kuba muri Kristo! Ntabwo tuba tugitwarwa n'icyaha nta nubwo tuba tukiri ibikoresho bya satani, ntabwo tukiri ab'Isi turi abaturage b'Ijuru. Dutekaniye muri Kristo nta bwoba bw'urupfu n'ejo hazaza, Kristo niwe byiringiro byacu. Abaheburayo 2:14,15. Burya ibyaha ni byo rubori rw'intege nke ubwoba n'urupfu; nta bwoba rero kuko uwarunesheje ari muri twe. 1 Abakorinto 15:56. Indirimbo ya 193 mu Ndirimbo zo guhimbaza Imana ndayigutuye wowe uri gusoma iki gitabo, ngo "niba ushaka gutunganira Yesu, emera ugengwe nawe" Abafilipi 4:8, Icyifuzo kiba gisigaye gitsika umutima ni ukwibwira iby'ingeso nziza. Nitwemerera Imana kutugeza ku rwego Mwuka wera ayobora imikorere y'impagarike yacu, tuzaba amahoro.

Umunezero uhebuje indi yose umuntu yigeze kugira ni ukumenya ubutumwa bwiza bw'Umwami wacu Yesu Kristo. Ukamenya ko ubutumwa bwiza buhishura Gukiranuka kw'Imana, igikorwa cy'Imana ubwayo. Yaraguteguye kandi igusohoreza muri Yesu Kristo. Uko gukiranuka kuba impamo mu mibereho y'umuntu wese binyuze mu kwizera konyine. Gutsindishirizwa binyuze mu kwizera ni intwaro ikomeye itsinda imyambi igurumana ya satani. Nanone ikirenze ibyo nuko gutsindishirizwa binyuze mu kwizera ari bwo buryo bumwe rukumbi bwo kubaho imibereho inesha.

**Ubuntu bw'Imana budukiza bufite ubusobanuro bubiri:**

1. *Ni ineza Imana yatugiriye kubw'urukundo yadukunze turi abanyabyaha babi b'impezamajyo by'umwihariko turi n'abanzi bayo, ikadukiza kurimbuka by'iteka!*

2. *Ni imbaraga cyangwa ububasha bwayo budukomereza mu byiringiro by'agakiza yatuboneye ngo tudasubira mu byaha; ubwo buntu nibwo buturinda.*

Abigishwa ba Yesu babanye na we imyaka itatu n'igice batihana ngo bahinduke ahubwo bagifite imyumvire ya gakondo cyangwa ya kavukire yo kutamenya Yesu uwo ari we n'icyamuzanye hano ku isi; bari bacyibereye mu matiku y'uwaba mukuru muri bo n'ishyari mu matorero hafi ya yose avuga ko yizera Yesu! Mbese si byo biri mu matorero? Mbese ubwo ni uwuhe mwuka ubayoboye? Aha! Imana yacu igira neza bihebuje! Maze babwira Yesu bati" Twongerere kwizera" Yoooo! Yesu ababajwe n'abashaka kongererwa kwizera badafite, arababwira ati "Mwagira kwizera nibura kungana n'akabuto ka sinapi (impeke y'ururo), mwabwira uyu mukuyu (igiti cyitwa boberi) muti 'Randuka uterwe mu nyanja' na wo wabumvira." Luka 17:5,6.

## BENE DATA MBABWIRE, DUKENEYE KUGIRA KWIZERA:

. **Dukeneye kwizera nk'ukwa Yesu.** Ibyahishuwe 14:12 ngo "Aho niho kwihangana kw'abera kuri, bitondera amategeko y'Imana bakagira kwizera nk'ukwa Yesu" Kwizera kwa Yesu ni ukuhe se? Ni uko yari yariyeguriye guhora yisunga Imana, natwe dukeneye umutima wiyeguriye Imana dutyo we mbaraga n'ibyiringiro byacu.

. **Dukeneye kwizera kuduhesha gukizwa.** Ibyakozwe n'intumwa 14:9 ngo "Uwo yumvise Pawulo avuga nawe amuhanze amaso, Pawulo abona ko afite kwizera kwamuhesha gukizwa" Gukizwa ibyaha. Amen. 1 Yohana 5:4 ngo "Kuko icyabyawe n'Imana cyose kinesha iby'isi, kandi uku niko kunesha kwanesheje iby'isi ni ukwizera kwacu".

Abitirirwa Kristo benshi ntibafite uku kwizera ahubwo bashishikajwe no gushaka abayoboke babo ngo biyongere mu madini. Nonese niba Yesu



CamScanner

agaya abantu ko nta kwizera, aho gushishikazwa no kugusaba ahubwo tukarushaho kwinjiza mu madini yacu abandi benshi nabo batagufite, mbese ubwo amadini yacu turi kuyuzuza bande? Luka 18:8 "Mbese Umwana w'umuntu naza azasanga kwizera kukiri ku isi?"! Erega kwizera ni impano Imana itanga, mureke twihutire kuyisaba kandi Imana iraduhera Ubuntu.

Yesu abonye ko amaranye imyaka itatu n'igice n'abigishwa ariko batigeze bagera ku rugero rwifuzwa mu kwizera, mu kuri batari baba abantu yasigira umurimo, bo n'abandi bantu bari itsinda ry'abagera nko ku ijana na makumyabiri, bajya mu cyumba cyo hejuru kwihererana n'Imana, kwihana no kubabarirwa ibyaha ngo bahabwe Mwuka wera ku rugero rushyitse, bahabwe imbaraga zibinjiza mu murimo. Kuko burya, iyo twizeye Imana irakora ibitangaza bikaba: ariko aho kwizera iyo twihutiye mu murimo, dukora ibyaha bisa. Muri iki gihe kibi kigoramye rero, abayobozi b'amadini benshi n'abayoboke babo binjiye mu murimo ariko batabanje mu cyumba cyo hejuru ngo babanze bihane babarirwe ibyaha. Niyo mpamvu bari mu murimo uko bakabaye n'amatiku menshi mu myumvire ya kera ya kavukire! Bakimeze batya rero ntabwo ari bo basukiwe Mwuka wera, nta we bafite rwose keretse kuzura ikindi kibakoresha. Nibatihana bizasoza baciriweho iteka kandi bibwira ko bakorera Imana. Yesu ati simbazi, sinigeze kubamenya! Matayo 7:15-23 Mbega amaherezo mabi y'abavuga ko bakorera Imana, ko ari abakozi b'Imana ariko batihannye!

Ubutumwa bwiza rero budusaba kwizera. Kwizera ni ugufatira Imana ku Ijambo ryayo, tutitaye ku byo twiyumvamo, ku byo abahanga batubwira, ku bituzengurutse, ku ntege nke twaba dufite, cyangwa ikindi kintu cyose kibihakana, ukizera byuzuye ko wababariwe kandi ko ufite agakiza muri Kristo kuko Imana yabivuze.

## Duhamagarirwa n'Imana kurwana Intambara yo kwizera, si ibindi

Iyo umuntu amaze kubwirwa iby'agakiza ke muri Kristo, icyo asabwa nyamukuru ni ukubyizera; "kwizera ni ukumenya rwose ibyiringirwa udashidikanya…". Aha hakunda kuba ikibazo ku bantu benshi bitirirwa izina rya Kristo ariko ntibamenye ibanga ry'urugendo batangiye cyangwa Intambara bahamagariwe kurwana iyo ari yo. Pawulo yasize atwandikiye ngo "Ujye urwana Intambara nziza yo kwizera usingire ubugingo buhoraho, ubwo wahamagariwe ukabwaturira kwatura kwiza imbere y'abahamya benshi." 1Timoteyo 6:12. Nanone arimo gusoza urugendo yari yarahamagariwe mu murimo w'Imana ati: "Narwanye intambara nziza, narangije urugendo, narinze ibyo kwizera" 2Timoteyo 4:7.

Kurwana intambara yo kwizera dusabwa rero, ni Intambara yo kubaka isano yacu n'Imana, Intambara yo kuba no kuguma mu Mana, Intambara yo kwemerera Imana mu buryo bwa Mwuka wera ngo abe ari yo ituyobora ikorera muri twe ibihuje no gushaka kwayo, Intambara yo kugendana n'Imana. Ibi bisa naho bitumvikana neza kuri bamwe ariko birakenewe cyane. Byiswe Intambara kuko kugira ngo tubane n'Imana amahoro tucyambaye uyu mubiri w'icyaha aho satani akibasha kugaba ibitero bye akatubangamira mu mubano wacu n'Imana, ntibyoroshye. Yohana 15:4 Ni ukuguma muri Kristo.

Kwizera ni ukumenya, Abaheburayo 11:1. "Dushishikarire kumenya, tugire umwete wo kumenya Uwiteka" Hoseya 6:3'6. "Dore kwizera guheshwa no kumva no kumva kukazanwa n'Ijambo rya Kristo." Abaroma 10:17. Bagenzi banjye mbabwire, dukeneye kubonera Imana umwanya, Imana ikabona umwanya wa cyami mu bugingo bwacu. Niba kumenya ibindi bintu byo mu buzima busanzwe bisaba umwanya, kumenya iby'Imana nibyo bitawukeneye koko ? Nshuti, dukeneye kuba mu by'Imana atari ukubyitirirwa ahubwo tubizi neza kandi tubirimo nabyo bikatubamo (gusenga, kwiga Ijambo ry'Imana no gukora umurimo

w'Imana). Ngo kwizera ni ukumenya: Imana ijya guhamya Aburahamu ko yayizeye, nuko yari amaze kuyimenya. Njya mbabazwa cyane no kubona abitirirwa izina rya Kristo benshi ariko badafite ubumenyi mu Byanditswe byera ni ukuvuga Bibiliya n'ibitabo by'umwuka w'ubuhanuzi kandi ari byo biduhishurira iby'Imana tuvuga ko twizera! Ni byo biduha amakuru y'Imana, none nta mwanya. Nawe tekereza, mu gitabo kimwe cyitwa kugana Yesu ngo abizera ni inditwe ni ukuvuga abahanga mu by'Imana. Ibi ntibivuze kujya mu mashuri asanzwe y'iyobokamana ugakurayo impamyabumenyi iguhesha akazi mu itorero, ahubwo abizera ni abafata igihe bakiga ibyanditswe byera babihaye umwanya ukwiye utuje, babifitiye inyota, bahangayikishijwe no kumenya iby'agakiza kabo muri Kristo n'uburyo barushaho kunoza umubano wabo n'Imana, kandi bayobowe na Mwuka wera; Imana irabihishurira, bagakuzwa mu by'umwuka bagakomezwa n'iryo Jambo ry'Imana barya. Erega burya ngo ubutarya burinanura, ubukristo butiga Ijambo ry'Imana ni ukwibeshya ntiburiho rwose; bwahise bupfa kera.

Umugabane munini w'abitwa abakristo dufite mu matorero rero, ntibigeze banyura mu Irembo ry'agakiza ngo babe barihannye, bityo nta nubwo basobanukiwe no kwizera icyo ari cyo, ahubwo bahise binjira mu buyobozi bw'itorero cyangwa ni abapasiteri, abashumba bayoboye umukumbi w'Imana, abandi bahise binjira mu mirimo itandukanye mu matorero babarizwamo uko bakabaye! Mwaganira, ati ariko njye ndi mu rugendo ndi ku rugamba ndwana n'ibyaha! Igihe kibaye kirekire arwana Intambara itamuha icyizere cyo kuzayitsinda: ararwana n'ibyaha ariko ntiyabitsinze, ntabyo atsinda, nta n'ibyo azatsinda. Imbabazi zigiye kumurangiriraho akiri muri ayo. Yooo! Reka reka muvandimwe, ibyo urimo ntibyashobotse ndetse ntibizanashoboka.

Ibanga ryo gutsinda urugamba hagati ya Kristo na satani duhanganye n'icyaha ni Kristo muri twe: Abagalatiya 2:20 ngo ni "SI NJYE AHUBWO NI KRISTO MURI NJYE.", Abafilipi 4:13 Pawulo ati "Nshobozwa byose na

Kristo umpa imbaraga". Abaroma 7:25 "Imana ishimwe kuko izajya inkiza kubwa Yesu Kristo Umwami wacu..." Yohana 15:4 "Kuguma muri Kristo." Abantu benshi basa n'abamaramaje, basa n'abari seriye barwana n'icyaha kandi nta mwanya bafitiye Yesu mu mibereho yabo. Ibyo ntacyo bizageraho rwose.

## Gukiranuka n'urubanza

Hari ugukiranuka Kristo yatuboneye mu kubaho kwe akiri ku isi ndetse no mu rupfu rwe, uko ni ugukiranuka yaboneye abantu bose. Kuba uk'umuntu ku giti cye iyo yumvise ubutumwa bwiza akakira Kristo nk'umukiza we, akizera imbabazi z'Imana yagiriwe. Uko niko kwitwa **Gukiranuka twitiririwa**. Kwaguhesha kujya mu ijuru uramutse muri icyo gihe upfuye nk'igisambo cyari kumwe na Yesu ku musaraba. Hari no gukiranuka kutugira abaturage b'ijuru tukiri ku isi: ni imibereho ikiranukira Imana tubaho nyuma yo kwakira Yesu, uko ni **Ugukiranuka tubarwaho**. Iyo mibereho tubaho nyuma yo kwakira Yesu, imibereho inesha icyaha yuje imirimo yo gukiranuka y'abera ni yo urubanza rwo mu ijuru rushingiraho, kuko ari yo igaragaza niba waragumye gushikama mu buntu bw'Imana wagiriwe cyangwa se waravuye mu kwizera. Umubwiriza 12:14. 2 Abakorinto 5:10. Burya rero aha niho urugamba rukomereye ruri, niho ubaho uhamya Imana cyangwa se ukagwa ukava mu kwizera.

Hari abavuga ngo reka babe baretse kwihana kubera uburyo uko babayeho mu byaha runaka bifite uko bibafashije muri ubu buzima, ngo bazihana imbabazi ziri hafi kurangira! Nonese uzi urupfu ruzagutungura ryari? Kandi burya iyo urupfu rugusatiriye, urwana n'uko warukira ntabwo urwana no kwihana. Twihane bicyitwa none, Yesaya 55:6.



CamScanner

# ISEZERANO RYA KERA N'ISEZERANO RISHYA:

Kuva mu Itangiriro Adamu amaze kugwa, Imana yasezeraniye umuntu ko azakizwa kubw'igitambo cya Mesiya wari kuzaza, ni na we ibitambo by'amatungo byashushanyaga. Mu Itangiriro 15:6 ngo Aburahamu yizeye Imana ibimuhwaniriza no gukiranuka. Mose amenye ko ari we Imana izakoresha mu gukura ubwoko bw'Imana mu Egiputa, ashaka kubikora mu mbaraga ze igihe yicaga umunyegiputa. Imana ibibonye ibanza kumunyuza mu ishuri ryo guca bugufi imyaka 40 aragira intama, agaruka avuga ngo mwihagararire gusa murebe agakiza k'Imana. Urubyaro rw'abisirayeli, basabwe kwizera Imana yabakijije kandi izabakiza, ariko bo bakagambirira ngo ibyo Uwiteka avuze byose bazabikora. Barabikoze se ? Uko ni ukumva nabi iserano ry'Imana, ari na byo bituma ryitwa irya kera: kuba yarashatse kubakiza n'imbaraga zayo bo bagashaka gukira n'imbaraga zabo. Yesu yamaze kudukiriza ku musaraba ngo tubone ubugingo ari na cyo ibitambo byashushanyaga, ariko na n'ubu abantu baracyari mu isezerano rya kera, baracyishingikirije ku mirimo y'imbaraga zabo ngo ni yo izatuma bemerwa n'Imana, kandi twarageze mu Isezerano rishya nyirizina: gukizwa no kubeshwaho n'Ubuntu bw'Imana gusa. Ariko ubundi kuki abantu bemera ko twapfiriye muri Kristo ntibemere ko twanakiranuye muri we ? Abaroma 5:15-18.

Abishingikiriza ku mirimo itegetswe n'amategeko nk'abisirayeli ba kera bamenye ko amategeko asaba kuyumvira mu buryo buboneye kandi buhoraho 100% kandi n'impamvu ibatera gukora ikaba iboneye. Bivuze ko gukora ushaka kwemerwa n'Imana, gukora ngo Imana izaguhembe ubugingo buhoraho, izakwambike ikamba ry'inyenyeri, gukora neza kuko uri imbere y'abantu, gukora kubera inshingano ufite mu itorero, ... ni ugukorera Imana kubera impamvu ipfuye. Abaroma 6:23. Abantu bita ku bikorwa, Imana ibanza kwita ku mpamvu yo mu mutima ubikoze;



CamScanner

impamvu ya biriya bikorwa ituruka ku narinjye. Matayo 5:22 Yesu yasobanuye ko kwica itegeko bihera mu ntekerezo. Yobu yirase imirimo, Imana iramuhinyura bisoza Yobu yihannye. Yobu 42:5,6. Umusore w'umutunzi yaje imbere ya Yesu yirata ko yakomeje amategeko ngo abone ubugingo buhoraho, Yesu amuhishuriye impamvu ibimutera (inarinjye) ataha afite agahinda kenshi. Matayo 19:20,22. Abaroma 4:4. Nyabuna mureke twemerere Kristo abe ari we ukorera muri twe imirimo y'amategeko yiteguriye kera ngo tuyigenderemo, Abefeso 2:10 maze twe tubishyira mu bikorwa twe kubyirata. Impamvu ibe Kristo muri twe, Abagalatiya 2:20. Ubundi Imana yatanze amategeko kugira ngo agaragarize umuntu uburyo ari mubi cyane, amukuremo kwishuka guterwa no gukiranuka umuntu yihangira. Gusa ku bizera, amategeko ni yo yerekana imico mbonera y'abagenzi bajya mu ijuru.

Mu Abaroma 7:1-6: Mu isezerano rya kera umuntu yikuye ku Mana we mugabo we wa Katanga ka mbere wamwiremeye, maze yishyingira undi mugabo mategeko amwishingikirijeho cyane. Mategeko amuyobora amuhata ku gituna yiyemeza gukora ibyo adashoboye kandi atanamufasha gukora. Kugira ngo umuntu agere mu isezerano rishya, Imana muri Kristo yashatse kongera kwisubiza umugore we muntu warorongotanye, ikora igikorwa gituma apfa ku myumvire ngo wa mugabo wa mbere Mategeko we kuko adapfa, atongera kujya amuciraho iteka. Maze wa muntu yongera kugaragara nk'umugore mushya uzutse, yashyingiwe Kristo we ubasha kubabarana nawe mu ntege nke ze, Abaheburayo 2:18 ndetse akamufasha gukora ibyo wa mugabo wa mbere Mategeko asaba abagenzi Abafilipi 4:13; kuko Mategeko ari umugabo ukomeye udapfa kandi afitanye isano ya bugufi n'umugabo wa kabiri Kristo. Ntabwo Kristo yabambye amategeko ku musaraba, ahubwo ni twe yabambye ku musaraba turi muri we ngo abone uko atwisubiza nk'umugore we w'Isezerano.

*Mbonereho kubibutsa ko mu bintu byose Imana yashyize ku isi, umuntu n'amategeko ni byo murimo w'intoki z'Imana; naho ibindi, yaravuze biraba, itegetse birakomera. Ni nayo mpamvu ari byo Satani yibasira cyane, kuko umuntu agaragaza ishusho y'Imana naho amategeko akagaragaza ubushake bw'Imana ku bantu. Kandi mu mategeko y'Imana twibuke ko Isabato yo ku munsi wa karindwi, ni ryo tegeko rikuru mu yandi kuko ari ryo ryabayeho mbere y'ayandi mu cyumweru cy'irema umuntu ataracumura. Ni itegeko rireba inyoko muntu yose, ridashobora gukurwaho n'iby'icyaha kuko ribiruta ubukuru.*

Birababaje cyane kandi biteye agahinda kubona benshi cyane mu matorero yemwe n'abayobozi nta makuru ahagije bafite ku by'agakiza kabo muri Kristo, kuko bitabashishikaje! Ahubwo bashishikajwe no kugira inshingano mu itorero! Muri Ezekiel 44:10-14 ngo abo bantu bishimira kuyobora amatorero, gukora inshingano mu matorero ariko badashaka kwigira ku birenge bya Yesu ngo bihane, Imana ivuga ko izabareka bagakomeza iyi mirimo ariko nta bugingo bafite, ari abakumirizi gusa mu murimo w'Imana. Amaherezo bazagerwaho n'ingaruka zo kutihana kwabo.

Kugira ngo tube abisiraeli nyakuri, tugomba kugira kwizera kwa Aburahamu, tukabyarwa n'ijuru nka Isaka kandi kwizera kwacu kukihangana kugeza imperuka nka Yakobo. Yakobo yahawe isazerano arategereza. Matayo 10:22, abafite kwizera kwihangana kugeza imperuka bazakizwa. Aba nibo ijambo abasigaye, abanamba ku Mana binyuze mu kwizera bona nubwo bagenzi babo baba barimuye Imana, bona nubwo barenganywa, ntabwo bazanamuka. Iyo dukomeje kugendera mu kwizera tuba dufite amahoro. Abafite kwizera kwihangana kugeza imperuka bonyine nibo ku iherezo bazatsindishirizwa bidasubirwaho, bajye mu ijuru.



CamScanner

# INAMA KU BUKRISTO

## Ubukristo ni ukugendana n'Imana

Umukurambere Henoki, uwa kalindwi uvuye kuri Adamu, yabaye intangarugero mu bukristo Imana yishimira kandi dusabwa kugira, ubukristo bugera ku nsinzi itagira impinduka, insinzi y'ikirenga. Mu Itangiriro 5:24 ngo "Henoki yagendanaga n'Imana, ntiyaboneka kuko Imana yamwimuye." Ubu yibereye hahandi duharanira, twifuza kwibera iwabo w'abacunguwe mu ijuru ry'abera. Ibanga nyaryo ry'ubukristo bunesha ni ukugendana n'Imana. Kubana n'Imana aho uri hose, ibyo urimo byose ukabikorera mu Mana. Ubukristo bunesha ni uburi mu Mana, bukorera mu Mana atari mu byiyumviro ubwenge imipangu n'imbaraga byawe nk'umuntu gusa. Ubukristo ni Isano nzima n'Imana, Ubukristo si ukwihutira gukora, ahubwo ni ukwihutira kubaka isano nzima n'Imana, akaba ari yo ikora twe tukabyitiririrwa. Aha rero, ibikorwa byose biba biri mu mucyo kandi birangwa no GUKIRANUKA KWA KRISTO gusa.

## Ubukristo ni Isano nzima hagati yacu n'Imana

Aburamu yahamagawe n'Imana kuva iwabo mu bupagani bwa kavukire, yemera irarika ry'imana maze yubaka Isano nzima n'Imana yemera kujya agendana nayo, ayikurikiye mu kwizera ngo ibimuhwaniriza no Gukiranuka. Itangiriro 15 :6. Kubwo kwizera amasezerano y'Imana ari ko kuyiyegurira, Imana yamuhinduriye izina ntiyongera kwitwa Aburamu ahubwo yitwa Aburahamu. Abameze nka we natwe tuzitwa amazina mashya. Yizeye Imana akajya agendana na yo, ubuzima bwe bufata icyerekezo gikurikira Imana aho imuyoboye hose. Yiringiye Imana kugeza aho iby'isi bitaye agaciro kuri we, atacyishingikirije ku bantu abo ari bo bose, yemwe ageza ubwo kumvira Imana bimugeza aho yemeye gutamba umwana we w'ikinege yari abonye nk'impano idasanzwe yari ategereje igihe kirekire ije mu busaza yari yarihebye, maze yemera

kumuha Imana atari nka Hana watanze samuel ari muzima, ahubwo amwiyiciye agahinduka igitambo ku Mana ! ! ! Mbega umusaruro uhebuje wera ku isano yo kugendana n'imana ! Oh, nshuti, guma mu rukundo rw'Imana pe. Isano ni ikintu gikomeye cyane, nibwo bukristo kuko bugushyira mu mibereho uhora usenga nk'uko umutima utera, ibyo urimo byose ukabikorera mu Mana.

Iyi ni imibereho irangwa n'ibintu bitatu bikwiye kuranga umugenzi ujya mu ijuru : kuba umunyamasengesho, kuba wiga Ijambo ry'Imana, gukora umurimo w'Imana. Wisuzume urebe niba nta kintu ubuze muri ibi. Umunsi ugira amasaha 24 : amasaha 8 tuba turyamye, amasaha 8 tuba turi mu mihati yacu y'ubuzima busanzwe; ngaho nawe ibaze umwanya uha gutekereza no kuba mu by'Imana mu masaha asigaye y'umunsi. Kujya kwiga ku rusengero ni byiza, ariko abantu bigira iby'Imana ku rusengero, mu makorale... gusa, ni abakristo barwaye kandi barembye, bameze nk'abana b'inzingo kuko aribo barira ku kigo nderabuzima. Ubukristo nk'ubwo ntibuzagera I Kanani yo mu ijuru. Imbere aha bizaba bikomeye, kuko bizasaba ko umwizera wese yisobanura agatanga impamvu z'ibyiringiro afite !

Bigeze mu mahina y'urugamba rwo kutubonera agakiza, i Gitsemani Yesu yaratubwiye ati : « MUBE MASO MUSENGE MUTAJYA MU MOSHYA... » Matayo 26 :41. « Musengeshe Umwuka iteka mu buryo bwose bwo gusenga no kwinginga, kandi kubw'ibyo mugumye rwose kuba maso... » Abefeso 6 :18. Umwanzi wacu gica ahora yubikiriye, inarinjye iba ishaka kwigaragaza muri buri kantu kose ; iyo duhugutse dutuje turi maso mu ntekerezo dusenga muri buri kimwe cyose, Umwuka w'Imana uturimo aba ayikurikirana, ayiburizamo akayinesha kugeza icecekeshejwe rwose. Aho niho duhamagarirwa. Bagenzi banjye dukeneye kubaho duhugutse, tukazibukira ikintu cyose kijyana intekerezo zacu kure y'Imana.

Muri ubu buryo, uba uri maso mu Mana yaba ku bitero biturutse muri wowe imbere ni ukuvuga biturutse ku gushaka kwa kamere yawe yangiritse, yaba ibitero by'ibyaha biturutse hanze yawe, byose bisanga uri maso mu Mana. Ibitero biturutse ku bo mubana, mukorana cyangwa se ibyo werekejemo, uhita ubona imitego y'ibyaha yihishemo, kuko si wowe ahûbwo ni Kristo muri wowe ubibona akabikwereka akabikurinda. Muri Kristo icyaha n'ibyo cyifubitse byose bita agaciro ntibyongere kugushishikaza, ahubwo ugasigara uhangayikishijwe n'icyifuzo kimwe rukumbi cy'uko isano yawe n'Imana yaba ari nzima. Ukabaho wumva ibyawe byose, wowe wese kuba uri mu Mana bikurutira ikindi cyifuzwa icyo ari cyo cyose cyo ku isi. Kujya kure y'Imana wumva ari akaga gakomeye karuta ibihombo byose bibaho mu buzima. Ubukristo ni Isano nzima tugirana n'Imana.

Aha rero hari ikibazo gikomeye ku bantu benshi muri iki gihe kuko usanga ubuzima babayeho butabaha agahenge ko kuruhuka, ni uguhora bahangayitse gusaaaa, guhora biyitaho gusaaa, ubuzima butabaha kumva batekaniye mu gukiranuka kw'Imana. Abantu bahugiranye batya ntibazabona ihembura ry'imbaraga ya Mwuka wera mu mvura y'itumba. Ndagira inama ikiza abantu benshi bakora akazi katarimo kubaha Imana, katabaha umwanya wo kubana n'Imana cyangwa karimo ubundi buryo bwose bwo kwimura Imana ko bakwihutira kugahindura bagashaka ibyo bakora bitabatandukanya n'Imana bihuse, imbabazi zitarabarangiriraho. Mu gihe tuvuga ubukristo nk'isano rero, bitujyana ku yindi ngingo y'umutima w'ubukristo.

## Ubukristo ni ugusenga

Yohana 4 :23 Yesu ati : « Igihe kiraje ndetse kirasohoye ubwo abasenga by'ukuri basengera Data mu mwuka no mu kuri, kuko Data ashaka ko bene abo ari bo bamusega. » Yuda 1 :20 ngo « Ariko noneho bakundwa, mwiyubake ku byo kwizera cyane, musengere mu Mwuka wera. » Muri

Matayo 26 :41, Mariko 14 :38, Luka 21 :36 hose Yesu yadusabye kuba maso dusenga kuko gusenga nibyo bituma tuba maso muri uru rugendo. Habaho uburyo butatu bwo gusenga : isengesho ryo mu ruhame, isengesho ryo mu rwiherero n'isengesho ryo mu mutima aho uri hose. Ubu buryo bwose ni bwiza mu gusenga ariko isengesho ryo mu mutima uko umutima utera, aho uri hose ukaba utekereza ku mibereho ya Kristo uyigereranya n'uko ubayeho, utekereza niba koko uko witwaye Umwami wawe abishima, ibyo urimo gukora byose ukabihuza n'igikorwa cya Mwuka wera mu bugingo bwawe ; iyo ubayeho usenga utyo, ibitero by'umwanzi biza bisanga uri maso mu Mwuka, ukamenya uko ubirwanya. Gusenga ni ukwicisha bugufi mu mutima n'umubiri maze ukegurira intekerezo n'impagarike yawe gusabana n'Imana, ari byo kwiga Ijambo ry'Imana no kugira icyo ubwira Imana mu isengesho.

Mu gitabo cyitwa Gutinyuka gusaba ibirenze vol.1 P.21, 51, havuga ko abantu basenga by'akanya gato basa n'abarangiza umuhango, nta mugisha w'Imana bazabona. Imana irashaka abafata igihe gihagije biyoroheje mu mutima, bagakirana nayo mu isengesho rivuye ku mutima rikiza ubugingo. P.27 na 43 ngo abagize amatorero yo muri iki gihe ntibabimenyereye kuko amatorero menshi yubatse mu butayu. P.58, 90, 96, 97 ngo abantu bazindukira ku mavi mu rukerera basenga, abantu bafata igihe mu ijoro cyangwa ku manywa bigomwe ibyo bakabayemo bakihererana n'Imana kubwo gukiza ubugingo bwabo cyangwa ubw'abandi ni ndakumirwa ku isi no mu ijuru. Abantu b'abanyambaraga zirenze izindi ku isi bakora ibikomeye, ni abasenga. Ku ipaji yacyo ya 21. Ngo Maritini Luteri ntiyamaraga umunsi adafashe byibura amasaha atatu asenga kandi yafataga igihe cyiza kibereye kwiga Ijambo ry'Imana. Yari azi urugamba ariho ; mbese twe ntitwazirikana aho isaha y'urugamba igeze ? Nyamara muri cya gitabo vol.2, P.23 ngo abari mu matorero benshi ni abakozi kuruta ko ari abanyamasengesho. Ubwo bizasoza bite ? Matayo 7 :23.

## GUSHYIRWAHO IKIMENYETSO

Tumaze gusobanukirwa iby'amateka yacu muri Kristo, reka dusoze twibukiranya igituma twemerwa n'Imana imbere yayo nk'abana yishimira : iyo twizeye agakiza kacu muri Kristo, tuba twakiriye na kwa Gukiranuka kwe Imana yemeye ubwo yamuzuraga, bityo na twe Imana ikatwemera imbere yayo muri uko gukiranuka kwa Kristo nk'abera n'abaziranenge. Muri Matayo 5 :48 ngo namwe mube mukiranutse nk'uko So wo ijuru akiranuka. 1 Petero 1 :15 ; 2 Petero 3 :11 ngo « Ahubwo nk'uko uwabahamagaye ari Uwera, abe ari ko na mwe muba abera mu ngeso zanyu zose. » Mu Abafilipi 3 :12,13, aha Pawulo aravuga ko yarwanaga intambara yo kugira gukiranuka kwa Kristo nk'impamo mu mibereho ye.

Aha rero tuhitondere cyane twebwe abasohoreweho n'imperuka y'ibihe. Muri Ezekiel 9:4 ngo "Uwiteka aramubwira ati: genda ushyire ikimenyetso mu gahanga k'abantu banihira ibizira bihakorerwa bikabatakisha." n'Ibyahishuwe 7:2-5 naho ngo "tubona ko Malayika w'Imana ashyira ikimenyetso ku bwoko bw'Imana bukiranuka. Ubundi ugahabwa Mwuka wera ku rugero rushyitse rw'imvura y'itumba. Twitonde rero, kuko muri Ezekiel no mu Byahishuwe tubonye ko nyuma y'igikorwa cyo gushyiraho ikimenyetso cy'Imana, hakurikiraho ibyago bikomeye ku batarashyizweho ikimenyetso. Muri Matayo 16:3 na Luka 12:56 Yesu ntiyatubwiye italiki yo kuza kwe, ahubwo yadusabye kugenzura uko ibihe bitebutsa kuza kwe bigenda bisohora. Dukurikije ibihe twegereza n'amakuru ariho, ibihe bibi by'akaga biradusatiriye cyane. Niba bimeze bityo ni ukuvuga ko igihe cyo gushyirwaho ikimenyetso cy'Imana kiri kurangira. None mwene Data, ntiwacunguza uburyo umwete ko iminsi ari mibi?

Imana ihe buri wese muri twe kuzirikana ko igihe tugezemo ari amahirwe adasanzwe kuri twe tugihumeka; bishobokako yaba ari aya nyuma, reka



CamScanner

tuyafatirane twe kwirangaraho. Ubu nta kindi icyo ari cyo cyose gikwiye kuduhangayikisha kitari agakiza k'ubugingo bwacu. Uwo uri we wese, urasabwa guhuguka. Nta gihe kiriho cyo gukomeza kwirara dukina n'icyaha, isi yarapfuye Kuva 10:7. Muri iki gihe umwanzi w'abantu akomeje guteza ibyorezo, Umuntu wese mu rwego arimo nta we utekanye iyo yibajije iby'ejo hazaza; kandi ishyano rizakomeza gusimburwa n'irindi shyano kugeza mu karengane k'abana b'Imana kazabera rimwe no gusukwa kw'ibyago bitigeze bibaho ku isi ku bakomeje kwanga kwakira ubutumwa bwiza muri Kristo Yesu, bisoze abana b'Imana batekaniye mu byiringiro by'ubutumwa bwiza twitahiye iwacu mu ijuru twateguriye. Abakomeje kwinangira bazakomereza mu muriro w'iteka. None, gira umwete wihane.

Umwuka n'umugeni barahamagara ngo ngwino, uwumva wese nawe nahamagare ati ngwino. Ibyahishuwe 22:17. Umwami Mana yacu uri ku ngoma, aduhane umugisha mu izina rya Yesu, Amena

**Ubuzima bwanize cyangwa bwishe ubukristo bwa benshi**

Hajya habaho umwana uvuka ntabone uburyo bukwiye bwo kumubeshaho akabaho atariho ari uruzingo cyangwa imfunya; atabona ibimugoboka agapfa cyangwa ntanapfe burundu ariko ntanakure, byakomeza bityo akazapfa ntacyo yimariye.

Kuba warumvise ubutumwa bwiza ariko ntibuguhindure ngo bugukuze bukwimure, uve mu bya kera ugendere mu buzima bushya muri Kristo Yesu, ni ukubaho utariho! Abantu bumvise ubutumwa bwiza bakabwishimira ariko ntibinjire mu gika cyo kwezwaho ingeso za kamere, ni abakristo ba kamere cyangwa b'umubiri. Niba ubukristo bwacu butagendana n'Imana ngo bwimurwe, niba isano yacu n'Imana itabyara imico y'Imana muri twe ahubwo tukaba dutwarwa na kamere uko yishakiye, turi mu kaga ko gupfa.



CamScanner

Ibi kandi biterwa nuko abantu benshi bumva ubutumwa bwiza ariko ntibiyegurira Kristo kuko bibangamira kamere yabo bagishyize imbere. Luka 16:13 "Ntawe ukeza abami babiri... ntimubasha gukeza Imana n'ubutunzi." Abakomeje gukerezwa no gukemura ibibazo satani yatambitse mu buzima, ntibizarangira tukiri muri ubu buzima kandi ntituzanahyurwa tugitwarwa na kamere. Abafilipi 3:7-16 Paulo yemeye kugira ibyo ahomba ngo aronke Kristo. Yeremkiya 45:5 "mbese na we urashaka ibikomeye?"

1 Abakorinto 3 :1-4 Ubu rero ni ubukristo bwa kamere, si ubw'Umwuka. Abaroma 8:7 ngo kamere ni umwanzi w'Imana. Abakristo ba kamere ntibakomera ku mahame y'Ibyanditswe byera ngo bayakurikize, babyita gukabya gukiranuka; ntibarushaho ndetse mu buryo budasanze kwita ku bihe by'ingirakamaro byo gusenga no kwiyiriza ubusa bahangayikishijwe no gukiza ubugingo bwabo, ngo ni ubwaka, ubukusi. 1 Abakorinto 2:14 "Umuntu wa kamere ntiyemera iby'Umwuka..." Abagalatiya 3:3 "Muri abapfapfa mutyo? Mwatangiye iby'Umwuka none mubiherukije iby'umubiri?" Abaroma 8:5 "Abakurikiza ibya kamere y'umubiri bita ku by'umubiri, naho abakurikiza iby'Umwuka bita ku by'Umwuka." Yakobo 4:4 ngo kandi "ubucuti bw'iby'isi butera kwangwa n'Imana."

Abaheburayo 6:1 Dukwiye kuva mu bya mbere bya Kristo, tukigira imbere aho dutunganirizwa rwose, tukava mu guhora twihana imirimo ipfuye. Ndakwinginze mwene data, ducunguze uburyo umwete kuko iminsi ni mibi. Ubuzima bwacu bugaramiwe n'akaga katigeza kubaho twe kwirara ngo dutegereze gahunda duhabwa n'abana b'abantu, ahubwo twite ku cyo Ijambo ry'Imana ryavuze tugihuza n'ibihe tugezemo. Ibi bihe tubigenzuze Ijambo ry'imana ngo tumenye isaha dusohoyemo. Zaburi 146:3. Abagalatiya 5:16 ngo "Muyoborwe n'Umwuka nibwo mutazakora ibyo kamere irarikira." Abaroma 8:9" ... muri ab'Umwuka niba Umwuka w'Imana aba muri mwe" Abefeso 6:6



CamScanner

"Musengeshe Umwuka iteka mu buryo bwose bwo gusenga no kwinginga, kandi kubw'ibyo mugumye rwose kuba maso."

## Inama ku mpagarara zo mu marembera y'iyi si igiye kurimbuka

Mwene Data wese uhanganye n'impagarara ziriho muri ibi bihe, urararikirwa kwiga ubutumwa bwiza bwa Yesu Kristo, wumve neza inkuru nziza iburimo Yesu yaguteguriye. Matayo 11:28 Yesu ati: nimuze mwese abarushye n'abaremerewe ndabaruhura.

Ni byo koko umwanzi azakubita uyu mubiri, ariko niba wizera ko umubiri w'icyaha Yesu yawubambye ku musaraba, ukaba wibereye muri Yesu wanesheje icyaha kandi akakikwezaho, reka nkwibutse ko burya icyaha ari cyo rubori rw'intege nke, ubwoba n'urupfu. Ubwo rero humura wibereye mu mutamenwa Kristo, waboneye insinzi ibyo byose bitwisukaho. Indirimbo zo guhimbaza Imana No 203 ngo twihishe mu mababa y'umukiza.

Dukwiriye kuruhukira mu byiringiro dukomora mu masezerano Imana yaduhaye mu Ijambo ryayo kandi ntibeshya. Yadusezeraniye ko mu miraba yose y'ibigeragezo, izabana na twe kugeza imperuka. Reka dukebuke Yesu aturije mu bwato bwasaze duturize muri we, twe gukomeza gusarana nabwo. Uwadupfiriye ntabwo azatureka tugeze mu mpatanwa nk'izi ngo twirwarize, azakora ibishoboka byose ngo aturengere kandi aduhagarareho kugeza atujyanye mu ijuru.

Yobu 7:1. Yego koko umuntu ukiri ku isi aba afashe igihe mu ntambara, ariko twibuke ko Imana yacu ari yo yashoweho ibi bitero, ni yo yatangiranye n'uru rugamba kandi ni yo ifite umwanzuro wa nyuma ninayo izarusoza. Amen. Iyi ntambara iri hagati ya Kristo na satani, hagati y'icyiza n'ikibi kandi icyiza cyabonye insinzi kera nubwo ikibi kiri gusasa



CamScanner

imigeri. Ngo satani amaze imyaka myinshi akusanya ubugome azakoresha mu isoza ry'uru rugamba, ariko Kristo we yanesheje isi na satani kera. Matayo 28:18 "Yesu avugana na bo ati: nahawe ubutware bwose mu ijuru no mu isi." Yohana 16:33, "Ibyo mbibabwiriye kugira ngo mugire amahoro muri njye. Mu isi mugira umubabaro, ariko muhumure naneshej isi.", Ibyahishuwe 3:21" Unesha nzamuha kwicarana na njye ku ntebe y'ubwami, nk'uko nanjye nanesheje nkicarana na Data ku ntebe ye." Umunyarwanda yaravuze ngo kugera kure si ko gupfa, Bibiliya iti "uwihangana akageza imperuka ni we uzakizwa" Matayo 10:22, Saduraka Meshaki na Abedenego bati" ...ariko naho itadukiza, ntituri bukorere imana zawe, habe no kuramya igishushanyo wakoze" Daniel 3:18. Daniel 11:32. Yesu ubwe yahamije ko uri muri we naho yapfa azongera abeho. Yohana 11:25,26. Muri Kristo mu by'umwuka, abizera ntibapfa. Mugenzi wanjye, igumire mu Rukundo rw'Imana gusa wirebere... Imana iduhe gukomerera mu buntu bwayo bwinshi, mu izina rya Yesu, Amen.

**<u>Byateguwe na:</u>**

INTEGUZA YA KRISTO
TEL: 0788612295
E-mail: integuza@yahoo.fr
Kigali – Rwanda.



"Kandi nk'uko Mose yamanitse inzoka mu butayu, ni ko Umwana w'umuntu akwiriye kumanikwa, kugira ngo umwizera wese abone guhabwa ubugingo buhoraho."

**YOHANA 3: 14-15**